NKINGURIRA

Ibyahishuwe 3:20

Muri iki gihe abenshi mu baturage bafite amazu akingwa. Iyo bagize aho bagana basiga bakinze ngo hatagira akabononera. Ubundi kandi n'iyo bahari, barakinga kugira ngo hatinjira ubonetse wese, ahubwo hinjiremo ukwiriye.

Ubusanzwe hinjiramo abo bazi, abavandimwe, inshuti, abaturanyi, abashaka icumbi, cyangwa se abandi baheraniwe bashaka ubufasha n'inama. Uyu munsi wo, Kristo ni we ukubwira ati: «**NKINGURIRA!**» Umva uko akwinginga: «Dore mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye, agakingura urugi, nzinjira iwe dusangire.» *Ibyahishuwe 3:20*.

Yesu ntakomanga iwawe agushakaho inyungu, cyangwa se ashaka kukononera. Ahubwo arashaka kuguha amahoro atagira impinduka. Arashaka kuguhumanura amahumane wahumanijwe n'ibyaha n'ubugoryi n'ubugome byawe. Arashaka kukuyobora kwa Se ngo uhabwe ubugingo buhoraho. Ubwe arivugira ati: Nijye nzira n'ukuri n'ubugingo, nta ujya kwa Data ntamujyanye. *Yohana 14:6*.

Pawulo amaze kumenya ibyiza Yesu adufitiye, yavuze yeruye ati: "Ni we mahoro yacu." *Abefeso 2:14*. Nuko rero niyo mpamvu akwinginga akomeje ati: **NKINGURIRA**! Arakomanga ku rugi rw'umutima wawe. Arashaka kwigarurira ibitekerezo n'imigambi byawe ngo abe ari we ubigenga.

Arakomangisha Umwuka we Wera, uhora agushyira ku nkeke kugira ngo ucike ku ngoyi y'ibyaha byakubase. Arakomangisha Ijambo rye ryera kuko ryo kuri, umucyo, umuriro ukongora ibyaha, ni inyundo imenagura imitima yinangiye imeze nk'ibitare. Zaburi 119:105; Yeremiya 23:29. Akomangisha ibyiza akugirira n'imigisha aguha, cyangwa amagorwa agukuramo, akomangisha umutima uhana ujya uvugana nawe iyo rubanda bamaze kwitahira. Umva rero, niba ushaka amahoro, **MUKINGURIRE**.

Ntukibagirwe yuko umunsi akomangaho witwa uyu munsi; kandi ko isaha akomangaho yitwa uyu mwanya. *Ababeburayo 3:7*. Iyo ni imiburo y'umunyabyaha urama igihe gito, agakenyuka. Uramutse ushatse gukomeza kubirazika ngo uzaba umukingurira ejo, haba ubwo wagira utya ugasanga wakuwe ku isi y'abazima. Nuko rero mu gihe ukiriho, ukibasha gutekereza no guhitamo, umwumve kandi umwemerere ubwo akubwira ati: **NKINGURIRA**.

Arakureba uri mu nzira ebyiri wabuze uko wamasha ngo uce iburyo cyangwa ibumoso. Aguhanze amaso usinziriye mu by'isi bigushukashuka. Urakomeza kumushavuza wanga kuva ku k'ejo nk'aho uzatura nk'umusozi. Arakumva uhiga ibyo uzakora, n'ibyo uzagirira abantu, maze bikamutera agahinda kuko atari we ugutuyemo ngo atumire ibyo byose. Niba nawe umushaka emera uku kwinginga kwe akubwira ati: **NKINGURIRA**.

Uramenye ntiwange kumukingurira: Iyo wanze gukingurira Yezu inshuti yawe magara, ubwo ukingurira ukuzuzamo agahinda gasaze.

Iyo wanze guturwamo na Soko y'ubugingo, uturwamo na Rupfu na Kuzimu, maze umutima wawe ukaba urutare, wakora icyaha ukanezerwa nk'uwataye umuruho.

Mu gihe cya Yeremiya ni ko abantu bari bameze. Reka dusome: Mbese nta soni bagize bamaze gukora ibizira? Oya, haba no guhonga mu maso. *Yeremiya 6:15*. Uramenye rero ntiwange kumukingurira dore ntiwange kumukingurira dore ni wowe yinginga ati: **NKINGURIRA**.

Reka nkubaze wa musomyi we! Mbese uremera kumukingurira? Mukingurire uyu munsi, ntuzuyaze kuko utagomba kubaririza uwo ari we kuko atagira amayobera.

Ni wa munyarukundo rutagira akagero. Ni wa munyambabazi wishimira kubabarira. Ni wa Munyampuhwe ukuzaniye ihumure. Ni wa Mucunguzi wawe, waguciye ku ngoyi y'ibyaha byari byaratumye ucana umubano na Se.

Ni Kristo wakubambiwe ku musaraba w'i Kalvari, kandi amaraso ye ni yo ashaka kukuhagiza ngo agutsembeho inenge zose z'ibyaha. Nuko rero nshuti, dore aho yakwingingiye kandi akubwira ati: "Umuntu niyumva ijwi ryanjye, agakinura urugi, nzinjira iwe dusangire."

Nuko rero muvandimwe muri Kristo, ntugumye kumushavuza, ahubwo, **MUKINGURIRE**.

ଐଐଐଐଐଐଐ

Jye na Yesu Ministry

Tel: +250 786 873 047

E-mail: info@jyenayesu.org